**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO KWIBUKA KU NSHURO YA 25 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI KU RWIBUTSO RWA MURAMBI TALIKI YA 21/04/2019

Banyakubahwa Bayobozi Bakuru muri hano;

Bashyitsi bacu

Banyarwanda, Banyarwandakazi

Nagirango mbanze mfate mu mugongo abibuka ababo, kandi bacu twese, bishwe bazira uko bavutse bitewe na politiki yahanze kandi ikimakaza irondabwoko.

Munyemerere kandi mbanze nshimire abagize uruhare bose muri uyu mushinga wo gufata neza imibiri iruhukiye hano, gutanga umusanzu mu kwigisha amateka kuri jenoside yakorewe Abatutsi no gukumira jenoside. Kaminuza ya Hamburg-Eppendorf, Lower Saxony State Service for cultural heritage, cyane cyane Prof Klaus, Püschel, Dr.Christina Krafczyk, Dr.Jean-Damascene Bizimana, Prof. Dr. Uwe Koch-Gromus, J.D Gasanabo, n'abandi mwese mwagize uruhare muri uyu mushinga turabashima, mwarakoze cyane. Ubwitange, umurava n'urukundo byanyu tuzabizirikana iteka.

Nk'uko ikiganiro twahawe cyabigaragaje, iyahoze ari Perefegitura Gikongoro ari yo irimo Akarere ka Nyamagabe yabayemo amateka akomeye y'ubwicanyi n'itotezwa ryakorewe Abatutsi guhera muri 1959, ariko cyane cyane muri 1963, ari bwo hano habaye ubwicanyi bukomeye bwanavuzwe mu mahanga ko ari Jenoside, Abatutsi bavanwa mu byabo, boherezwa mu Bugesera na za Rukumberi ku gahato.

Ikiganiro kandi cyagaragaje uburyo ubutegetsi bwasimburanye kuva ku bwa Kayibanda kugeza ku bwa Habyarimana bwatereranye abaturage b'aka Karere gasigara inyuma mu iterambere.

Mu gihe cya jenoside, aka Karere ka Nyamagabe karanzwe n'ubwicanyi budasanzwe, Abatutsi benshi bicirwa muri za Kiliziya gatorika za Cyanika, Kaduha, Mushubi, Mubuga, Kibeho, Mbazi, Kirambi ; bicirwa no mu nsengero z'andi madini nko ku Kigeme, Maheresho, muri Mudasomwa, i Musange no mu mazu menshi ya Leta yari yakusanyirijwemo Abatutsi bikozwe n'ubutegetsi bwa Perefegitura ya Gikongoro. Hano i Murambi mu ishuri ryubakwaga, hiciwemo Abatutsi barenga ibihumbi mirongo itanu. Ni akaga gakomeye kuko biciwe aho bari bizeye ubuhungiro no kurengerwa kandi bicwa n'abagombye kubarindira umutekano ndetse bicirwa ahantu hitwa ko ari hatagatifu hagombye kubahwa na buri wese kuko ariho basengeraga Imana.

Kimwe mu bibazo bishingiye ku ngaruka za Jenoside muri aka Karere ka Nyamagabe na hano i Murambi by' umwihariko ni ikibazo cy'ubutabera mpuzamahanga. Tuzi ko bamwe mu bari ku isonga y'abateguye n'abayoboye ubwicanyi hano i Murambi no mu yahoze ari Perefegitura ya Gikongoro yose bari barangajwe imbere na Perefe Bucyibaruta, Colonel Aloys Simba na Captain Faustin Sebuhura. Twababajwe cyane no kuba Urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda rufungura Colonel Simba atarangije igihano cy'igifungo cy'imyaka 25 yari yarakatiwe. Ariko, Leta y'u Rwanda yari yakoze ibishoboka byose biri mu bubasha bwayo ngo iburizemo icyo cyemezo. Leta y' u Rwanda yavuganye n' abarokokeye ahangaha no kuri Paruwasi ya Kaduha, ivugana n' abashinjacyaha b'urwo Rukiko, ndetse n'abaganga b'inzobere bavura indwara

z'ihungabana no mu mutwe, bose bakurikiranye izi manza, bose bagaragaje ko Col Simba atari umuntu wo gufungurwa atararangiza igihano cye, ukurikije ibyaha ndengakamere yakoreye aha hantu, dore ko atigeze anabyicuza. Ariko nk' uko mubizi, Umucamanza Theodore Meron yaramurekuye asigaje iminsi ibiri gusa ngo manda ye irangire.

Tuzakomeza gufatanya n'ubuyobozi bushya bw'uru rukiko kugira ngo ibyemezo nk'ibi bifungura ba ruharwa byitonderwe kandi byirindwe cyane. Ku bireba Perefe Laurent Bucyibaruta, murabizi ko dosiye ye iri mu butabera bw' Ubufaransa nyuma y'aho Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) rufashe icyemezo cyo kuba ari ho ruyohereza. N'ubwo iyo dosiye itihuse nk' uko tubyifuza, twabonye ko ubushinjacyaha bw'Ubufaransa ubungubu bwayishoje, bukaba bwarasanze hari ibimenyetso bikomeye bigaragaza ko Bucyibaruta afite uruhare muri jenoside ku buryo yashyikirizwa inkiko, bukaba rero bwarasabye ko bikorwa gutyo dosiye ye igashyikirizwa inkiko.

Ubu Bucyibaruta yajuririje icyo cyemezo cyamufatiwe cyo koherezwa mu rukiko, hategerejwe ko umwanzuro ufatwa kuri ubwo bujurire. Murumva rero ko biri mu nzira, turizera ko iherezo Perefe Bucyibaruta azaburanishwa, bigaha abacitse ku icumu umwanya wo kugaragaza uruhare rwe muri jenoside, bityo ubutabera bugakora akazi kabwo. Tuzanakomeza gushyira imbaraga mu gukurikirana izindi dosiye z'abantu bose bakekwaho kuba baragize uruhare muri iyi jenoside ndengakamere yabereye i Murambi n'ahandi hose mu Rwanda.

Ku birebana n'ibyaha bivugwa byakozwe mu gihe Abafaransa bari hano mu cyo bise **Operation Turquoise**, na byo tuzakomeza kubikurikirana kugira ngo ubutabera bukore akazi kabwo, bwaba ubwo mu Rwanda n'ubwo mu mahanga aho abakekwa baherereye.

Bayobozi Bakuru muri hano ;

Nshuti z’u Rwanda ;

Banyarwanda, Banyarwandakazi ;

Jenoside yadutwaye abantu benshi b’inzirakarengane, kandi ihungabanya igihugu cyacu mu mpande zose zigize ubuzima bwacyo haba mu mutekano, ubuzima bwiza, ubukungu yewe n’ibidukikije byarangijwe.

Nyamara kandi byagaragariye isi yose ku buryo budasubirwaho ko Abanyarwanda badashobora gupfira gushira, ko u Rwanda rudashobora kuzima. Amahanga amaze kudutererana isi izi ko u Rwanda ruzimye abana b’u Rwanda biyemeje guhaguruka barwanirira iki gihugu, bahagarika jenoside bakoresheje imbaraga nke bari bafite, ubushake, ubwitange n’urukundo aribyo bashingiyeho, ukuri gutsinda ikinyoma, igihugu cyacu kirabohorwa ubu kirimo kiriyubaka.

Nubwo aho tugeze naho tugana ari heza, turabizi ko hakiri abagifite ibitekerezo by’amacakubiri, urwango, ivangura, imvugo n’ibikorwa bishingiye ku moko mu gihugu no mu mahanga. Haracyari abahakana, n’abapfobya jenoside yakorewe Abatutsi. Ku bigaragara mu gihugu hari amategeko ahagije bizakurikiranwa. Ku biri mu mahanga turimo gusaba ko nayo ashyiraho amategeko abihana.

Nubwo ariko tutazahindura ibitekerezo by’abari hanze ntituzongera kwegurira abandi ejo hazaza h’igihugu cyacu ukundi. Abanyarwanda twese, abubu n’ab’ejo hazaza ubu dufite uburenganzira n’inshingano byo kubaka u Rwanda twifuza. Umunsi nk’uyu ujye utubera uwo kurushaho gushimangira aya mahitamo yacu.

Uyu munsi twibuka abacu, ubwitange n’ubushake byahagaritse jenoside byariyongereye byikuba inshuro nyinshi ku buryo hari icyizere gihamye ko nta jenoside izongera kubaho ukundi. Ubu dufite umurongo uhamye wo kubaka no kurinda ubumwe bwacu, dufite politiki y’imiyoborere myiza yimakaza gufatanya nk’Abanyarwanda no gukomeza guteza imbere igihugu.

Uyu munsi wahuriranye na Pasika ariwo munsi twibukiraho kuneshwa k'urupfu no kuzuka kwa Kristu. Mu Rwanda amacakubiri, ivangura n'irondabwoko byarapfuye birashyingurwa, hazuka umuryango nyarwanda wunze ubumwe. Ubu turi umuryango umwe w'Abanyarwanda twanesheje ibyadutanyije bikatugeza kuri jenoside yakorewe Abatutsi. Munyemerere rero mbifurize Pasika nziza mbasaba ko tuyibonamo ikimenyetso cyo kuzuka k'umuryango w'abanyarwanda.

Nongeye kwihanganisha abarokotse jenoside bagifite ibikomere, mbizeza ko Guverinoma izabahora hafi mu buryo bushobotse kugira ngo hatazagira inzitizi zibangamira imibereho yabo.

Munyemerere nsoze iri jambo nongera kubashimira mwese kuba mwaje kwifatanya n'abaturage ba Murambi muri iki gikorwa cyo kwibuka abacu bazize jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 25, kandi mbifuriza gusubira mu miryango yanyu amahoro.

Murakoze.